



Umwaka wa 64
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 29/05/2025

Year 64
Official Gazette n° Special of
29/05/2025

64^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
29/05/2025

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Amategeko/Laws/Lois

Itegeko n° 009/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rihindura Itegeko n° 049/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro.....	3
Law n° 009/2025 of 27/05/2025 amending Law n° 049/2023 of 05/09/2023 establishing value added tax.....	3
Loi n° 009/2025 du 27/05/2025 modifiant la Loi n° 049/2023 du 05/09/2023 établissant la taxe sur la valeur ajoutée.....	3
Itegeko n° 010/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho amahoro y'ibidukikije yishyurwa ku bikoresho bitumizwa mu mahanga bipfunyitse mu bikoresho bya pulasitiki	17
Law n° 010/2025 of 27/05/2025 establishing an environmental levy on imported items packaged in plastic materials.....	17
Loi n° 010/2025 du 27/05/2025 portant instauration d'une redevance environnementale sur les articles importés emballés dans des matériaux en matière plastique.....	17
Itegeko n° 011/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho umusoro ku byaguzwe.....	26
Law n° 011/2025 of 27/05/2025 establishing the excise duty.....	26
Loi n° 011/2025 du 27/05/2025 portant instauration du droit d'accise.....	26
Itegeko n° 012/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho amahoro yishyurwa kuri lisansi no kuri mazutu agenewe gushyiraho ibigega bizigama ibikomoka kuri peteroli.....	72
Law n° 012/2025 of 27/05/2025 establishing a levy on petrol and gas oil for the establishment of strategic petroleum products reserves.....	72
Loi n° 012/2025 du 27/05/2025 portant instauration d'une redevance sur l'essence et le mazout pour la constitution de réserves stratégiques de produits pétroliers	72
Itegeko n° 013/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho amahoro yishyurwa kuri lisansi, kuri mazutu no ku binyabiziga agenewe gusana imihanda.....	77
Law n° 013/2025 of 27/05/2025 establishing a levy on petrol, gas oil and motor vehicles for road maintenance.....	77
Loi n° 013/2025 du 27/05/2025 portant instauration d'une redevance sur l'essence, le mazout et les véhicules automobiles pour l'entretien routier.....	77

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

Itegeko n° 014/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rihindura Itgeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro.....	83
Law n° 014/2025 of 27/05/2025 amending Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income.....	83
Loi n° 014/2025 du 27/05/2025 modifiant la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu.....	83
Itegeko n° 015/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi.....	93
Law n° 015/2025 of 27/05/2025 establishing a tourism tax on accommodation.....	93
Loi n° 015/2025 du 27/05/2025 portant instauration d'un impôt touristique sur l'hébergement.....	93

ITEGEKO N° 009/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RIHINDURA ITEGEKO N° 049/2023 RYO KU WA 05/09/2023 RISHYIRAHU UMUSORO KU NYONGERAGACIRO <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Ibintu na serivisi bisonewe <u>Ingingo ya 2:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 3:</u> Gutangira gukurikizwa	LAW N° 009/2025 OF 27/05/2025 AMENDING LAW N° 049/2023 OF 05/09/2023 ESTABLISHING VALUE ADDED TAX <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Exempted goods and services <u>Article 2:</u> Language provision <u>Article 3:</u> Entry into force	LOI N° 009/2025 DU 27/05/2025 MODIFIANT LA LOI N° 049/2023 DU 05/09/2023 ÉTABLISSANT LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTÉE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier :</u> Biens et services exonérés <u>Article 2 :</u> Disposition linguistique <u>Article 3 :</u> Entrée en vigueur
---	--	---

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

ITEGEKO N° 009/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RIHINDURA ITEGEKO N° 049/2023 RYO KU WA 05/09/2023 RISHYIRAHU UMUSORO KU NYONGERAGACIRO	LAW N° 009/2025 OF 27/05/2025 AMENDING LAW N° 049/2023 OF 05/09/2023 ESTABLISHING VALUE ADDED TAX	LOI N° 009/2025 DU 27/05/2025 MODIFIANT LA LOI N° 049/2023 DU 05/09/2023 ÉTABLISSANT LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTÉE
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	We, KAGAME Paul, President of the Republic;	Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA	LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	THE PARLIAMENT:	LE PARLEMENT :
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Mata 2025;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 29 April 2025;	La Chambre des Députés, en sa séance du 29 avril 2025 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n'iya 165;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165;	Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ;
Isubiye ku Itegeko n° 049/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, mu ngingo yaryo ya 8;	Having reviewed Law n° 049/2023 of 05/09/2023 establishing value added tax, in Article 8;	Revu la Loi n° 049/2023 du 05/09/2023 établissant la taxe sur la valeur ajoutée, en son article 8 ;
YEMEJE:	ADOPTS:	ADOPTÉ :

<u>Ingingo ya mbere: Ibintu na serivisi bisonewe</u>	<u>Article One: Exempted goods and services</u>	<u>Article premier : Biens et services exonérés</u>
Ingingo ya 8 y'Itegeko n° 049/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 8 of Law n° 049/2023 of 05/09/2023 establishing value added tax is amended as follows:	L'article 8 de la Loi n° 049/2023 du 05/09/2023 établissant la taxe sur la valeur ajoutée est modifié comme suit :
« (1) Ibintu na serivisi bikurikira bisonewe umusoro ku nyongeragaciro: (a) serivisi yo gukwirakwiza amazi no kubungabunga ibidukikije mu gihe bitagamije inyungu, uretse imirimo yo kuyobora amazi yanduye hakoreshejwe ipompe; (b) ibintu na serivisi bikurikira bijyanye no kubungabunga ubuzima: (i) serivisi zerekeye ubuzima n'ubuvuzi; (ii) ibikoresho bigenewe abantu bafite ubumuga; (iii) ibintu n'imiti bigaragara ku rutonde rushyirwaho na	“ (1) The following goods and services are exempted from value added tax: (a) water supply and environmental conservation services for non-profit making purposes with the exception of sewage pump-out services; (b) the following goods and services for health-related purposes: (i) health and medical services; (ii) equipment intended for persons with disabilities; (iii) goods and pharmaceutical products appearing on the list	« (1) Les biens et services suivants sont exonérés de la taxe sur la valeur ajoutée: (a) services de distribution d'eau et de conservation de l'environnement à des fins non lucratives à l'exception des services d'évacuation des eaux usées par pompe ; (b) biens et services suivants à des fins liées à la santé : (i) services de santé et médicaux ; (ii) équipements destinés aux personnes handicapées ; (iii) biens et produits pharmaceutiques figurant sur la

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano rukemezwa na Minisitiri, byatumijwe mu mahanga cyangwa byakorewe mu Gihugu n'umuntu wabiherewe uruhushya n'urwego rubifitiye ububasha; (iv)kotegisi; (c) ibikoresho, serivisi n'imashini byo mu burezi bitangwa imbonankubone cyangwa kuri murandasi bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano rukemezwa na Minisitiri; (d) ibitabo, ibinyamakuru n'amagazeti; (e) serivisi z'ubwikorezi zikurikira zikorwa n'umuntu wabiherewe uruhushya: (i) gutwara abantu mu nzira y'ubutaka mu modoka ifite ubushobozi bwo gutwara abantu 14 cyangwa barenze; (ii) gutwara abantu mu ndege;	established by the Minister in charge of health and approved by the Minister, which are imported or locally manufactured by a person authorised by the competent authority; (iv)sanitary pads; (c) educational materials, services and equipment supplied physically or online that appear on the list established by the Minister in charge of education and approved by the Minister; (d) books, newspapers and journals; (e) the following transportation services carried out by a licensed person: (i) transportation of persons by land in a motor vehicle with a capacity of 14 persons or more; (ii) transportation of persons by air;	liste établie par le Ministre ayant la santé dans ses attributions et approuvée par le Ministre, qui sont importés ou fabriqués localement par une personne autorisée par l'autorité compétente ; (iv)serviettes hygiéniques ; (c) matériels, services et équipements pédagogiques fournis physiquement ou en ligne qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions et approuvée par le Ministre ; (d) livres, journaux et magazines ; (e) services de transport suivants effectués par une personne agréée : (i) transport de personnes par voie terrestre à bord d'un véhicule automobile ayant une capacité de 14 personnes ou plus ; (ii) transport aérien de personnes ;
--	---	--

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

(iii)gutwara abantu cyangwa imizigo mu bwato; (iv)ubwikorezi bw'imyanda ikomeye yo mu ngo; (f) itiza, ikodeshagurisha n'igurisha ry'ibi bikurikira: (i) igurisha cyangwa ikodeshagurisha ry'ubutaka; (ii) kugurisha igice cyangwa inzu yose yagenewe guturwamo; (iii)gukodesha cyangwa gutanga uburenganzira bwo kuba mu nzu yagenewe guturwamo n'umuntu umwe cyangwa umuryango iyo gutura muri iyo nzu mu gihe kidahagarara birengeje iminsi 90; (iv)ikodeshagurisha ry'umutungo wimukanwa rikozwe n'ikigo cy'imari cyemewe cyangwa urwego rukoresha ku mpamvu zihariye cyangwa ryakozwe na rwo; (g) serivisi zerekeye imari n'ubwishingizi zigenwa n'iteka	(iii)transportation of persons or goods by boat; (iv)transportation of household solid waste; (f) lending, lease and sale of the following: (i) sale or lease of land; (ii) sale of whole or part of a building for residential use; (iii) renting or grant of the right to occupy a building used as a place of residence for one person or a family if the period of accommodation for a continuous term exceeds 90 days; (iv)lease of a movable property made by a licensed financial institution or by or for a special purpose vehicle; (g) financial and insurance services determined by an Order of the	(iii)transport de personnes ou de biens par bateau ; (iv)transport de déchets ménagers solides ; (f) prêt, location-vente et vente de ce qui suit : (i) vente ou location-vente d'une propriété foncière ; (ii) vente en tout ou en partie d'un immeuble à usage résidentiel ; (iii) location ou cession du droit d'occupation d'un immeuble utilisé comme résidence d'une seule personne ou d'une famille lorsque la période d'occupation ininterrompue dépasse 90 jours ; (iv)location-vente d'une propriété mobilière effectuée par une institution financière agréée ou par ou pour une entité à vocation spéciale ; (g) services financiers et d'assurance déterminés par arrêté du Ministre
--	---	---

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

rya Minisitiri ufite imari mu nshingano; (h) ibintu na serivisi bijyanye no gushyingura cyangwa gutwika umurambo bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite amarimbi mu nshingano rukemezwa na Minisitiri; (i) ibikoresho bitanga ingufu bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite ingufu mu nshingano rukemezwa na Minisitiri; (j) ibintu bisonewe biri mu ikodeshagurisha; (k) ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, uretse ibitunganyijwe mu nganda. icyakora, ibigori, umuceri n'amata byatunganyirijwe mu nganda, hatarimo amata y'ifu n'ibikomoka ku mata, bisonewe uyu musoro; (l) serivisi y'ubwishingizi bw'ibijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi ;	Minister in charge of finance; (h) goods and services in connection with burial or cremation of a dead body that appear on the list established by the Minister in charge of cemeteries and approved by the Minister; (i) energy supply equipment that appears on the list established by the Minister in charge of energy and approved by the Minister; (j) exempted goods under lease; (k) agricultural and livestock products, except processed ones. However, processed maize, rice and milk, excluding powdered milk and milk-derived products, are exempted from this tax; (l) agricultural and livestock insurance services;	ayant les finances dans ses attributions ; (h) biens et services se rapportant à l'inhumation ou à l'incinération d'un cadavre qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant les cimetières dans ses attributions et approuvée par le Ministre ; (i) équipements de fourniture d'énergie qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant l'énergie dans ses attributions et approuvée par le Ministre ; (j) biens exonérés en location-vente ; (k) produits agricoles et d'élevage, à l'exception de ceux transformés. Toutefois, le maïs, le riz et le lait transformés, à l'exception du lait en poudre et des produits à base de lait, sont exonérés de cette taxe ; (l) services d'assurance agricole et d'élevage ;
--	---	--

(m)serivisi, inyongeramusaruro, ibikoresho n'imashini bikoresha mu buhinzi n'ubworozi bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano rukemezwa na Minisitiri; (n) imikino y'amahirwe; (o) ibikoresho bwite by'uhagarariye u Rwanda mu mahanga uvuye mu butumwa, iby'Umunyarwanda wari utuye mu mahanga utahutse n'iby'undi Munyarwanda ugarutse mu Rwanda basonewe hakurikijwe itegeko rya gasutamo. Ku bijyanye n'imodoka bafite, uretse abahagarariye u Rwanda bavuye mu butumwa mu mahanga, abandi bavugwa muri aka gaka basabwa kuba batunze iyo modoka mu gihe kingana nibura n'amezi 12 kugira ngo bemererwe gusongerwa;	(m)services, agricultural inputs, agricultural and livestock materials and machinery that appear on the list established by the Minister in charge of agriculture and animal resources and approved by the Minister; (n) gaming activities; (o) personal effects of a Rwandan diplomat returning from a foreign mission, those of a Rwandan national who was residing abroad and is returning to Rwanda as well as those of any other Rwandan national returning to Rwanda and entitled to tax exemption in accordance with the customs legislation. In relation to the motor vehicle they possess, with the exception of returning Rwandan diplomats, other persons referred to in this Subparagraph are required to have owned the motor vehicle for a period of at least 12 months for being exempted;	(m)services, intrants agricoles, matériels et machines agricoles et d'élevage qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant l'agriculture et l'élevage dans ses attributions et approuvée par le Ministre ; (n) activités de jeux de hasard ; (o) effets personnels d'un diplomate rwandais de retour d'une mission diplomatique, ceux d'un ressortissant rwandais qui résidait à l'étranger et qui rentre au Rwanda ainsi que ceux de tout autre ressortissant rwandais qui retourne au Rwanda et ayant droit à une exonération fiscale conformément à la législation douanière. Quant au véhicule automobile qu'ils possèdent, à l'exception des diplomates rwandais de retour d'une mission diplomatique, un délai de 12 mois au moins en possession du véhicule automobile est requis pour les autres personnes visées au présent alinéa pour être exonérées ;
---	--	---

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

(p) ibintu na serivisi bigenewe ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda byatumijwe mu mahanga n'uhakorera ufite uruhushya;	(p) goods and services intended for special economic zone imported by a licensed zone user;	(p) biens et services destinés à la zone économique spéciale au Rwanda importés par un utilisateur agréé de la zone ;
(q) ibintu, ibikoresho, ibigemurwa, imashini n'imodoka byagenewe gukoreshwa n'inzego za Leta zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano zigenwa n'itegeko;	(q) goods, materials, supplies, machinery and motor vehicles intended for public organs in charge of national defence and security determined by law;	(q) biens, matériels, fournitures, machines et véhicules automobiles destinés aux organes publics chargés de la défense nationale et de la sécurité déterminés par la loi ;
(r) ibintu bigurishijwe muri gasutamo bitarishyurirwa imisoro n'amahoro;	(r) goods sold in customs before payment of taxes and duties;	(r) biens vendus en douane avant le paiement de taxes et de droits ;
(s) imashini n'ibikoresho remezo by'inganda hamwe n'ibikoresho fatizo bikoreshwa n'inganda bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite inganda mu nshingano rukemezwa na Minisitiri;	(s) machinery and capital assets of industries as well as raw materials used in industries that appear on the list established by the Minister in charge of industry and approved by the Minister;	(s) machines et biens d'équipement des industries ainsi que les matières premières utilisées dans les industries qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant l'industrie dans ses attributions et approuvée par le Ministre ;
(t) indege, ibyuma byazo n'ibikoresho byagenewe kuzibungabunga bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite ubwikorezi mu nshingano rukemezwa na Minisitiri;	(t) aircraft, their spare parts and maintenance tools that appear on the list established by the Minister in charge of transport and approved by the Minister;	(t) aéronefs, leurs pièces de rechange et leurs outils de maintenance qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant le transport dans ses attributions et approuvée par le Ministre ;
(u) ihererekanya ry'umutungo hagati y'abantu bafitanye isano batuye	(u) transfer of assets between related persons residing in Rwanda at the	(u) transfert de biens entre les personnes apparentées résidant au

mu Rwanda mu gihe bavugurura ubucuruzi bwabo, iyo – (i) ubucuruzi bw’umuntu wakiriye umutungo burambye igihe kitari munsi y’imyaka itatu; (ii) cyangwa ubucuruzi bw’umuntu wikuraho umutungo busanzwe ari ubwo kugurisha ibintu cyangwa serivisi bisonewe; (v) ibikoresho byifashishwa mu kubika no kubungabunga imibiri y’abazize Jenocide yakorewe Abatutsi n’ibimenyetso byayo bigaragara ku rutonde rushyirwaho na Minisitiri ufite kwibuka Jenocide yakorewe Abatutsi mu nshingano rukemezwa na Minisitiri; (w) ibintu cyangwa serivisi byaguzwe, byagurishijwe, byatanze, byaguranywe cyangwa byashyikirijwe urwego rukoreshe ku mpamvu zihariye cyangwa byatanze na rwo, nyuma y’amasezerano	time of the restructuring of their business, activity if – (i) the business activity of a person that acquires assets persists for a period of not less than three years; or (ii) the person transferring the assets has the actual business of supplying or providing exempted goods or services; (v) equipment for conservation of bodies of victims of the Genocide against the Tutsi and its related evidence that appear on the list established by the Minister in charge of commemoration of the Genocide against the Tutsi and approved by the Minister; (w) goods or services which are purchased, sold, assigned, exchanged or otherwise transferred to or by a special purpose vehicle as a consequence of entering into an asset-backed securitisation transaction if the transaction has	Rwanda lors de la restructuration de leur activité commerciale, lorsque – (i) l’activité commerciale d’une personne qui acquiert les biens persiste pendant une période d’au moins trois ans ; ou (ii) la personne qui transfère les biens a pour activité réelle consistant à fournir des biens ou des services exonérés ; (v) équipements pour la conservation des corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi et les preuves y afférentes qui figurent sur la liste établie par le Ministre ayant la commémoration du Génocide perpétré contre les Tutsi dans ses attributions et approuvée par le Ministre ; (w) biens ou services qui sont achetés, vendus, cédés, échangés ou autrement transférés à ou par une entité à vocation spéciale en raison de la conclusion d’une opération de titrisation adossée à des actifs lorsque l’opération a été approuvée
--	--	---

y'ubwishingizi bw'uburyozwe bw'umutungo, iyo ayo masezerano yemejwe cyangwa yatangiwe uburenganzira hashingiwe ku itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda kandi urwo rwego rukoresha ku mpamvu zihariye rwanditswe nk'usora mu Rwanda; (x) ibinyabiziga bigendeshwa na moteri ikoresha amashanyarazi, bateri zo muri urwo rwego n'ibikoresho bya sitasiyo ibyongerera umuriro byatumijwe mu mahanga. (2) Ibigo bitumiza mu mahanga cyangwa bikorera mu Gihugu ibikoresho bisonerwa bijyanye no kubungabunga ubuzima bivugwa mu gika cya (1)(b) ni ibyemejwe n'amategeko akurikizwa mu Rwanda nk'inzego za Leta, imiryango igamije imibereho myiza y'abaturage n'undi muryango w'abakorerabushake cyangwa ukora ibikorwa by'ubugiraneza. (3) Ugusonerwa kw'ibintu bivugwa mu gika cya (1) gukurikizwa mu buryo	been approved or authorised based on the law regulating the capital market in Rwanda and the special purpose vehicle is a taxpayer registered in Rwanda; (x) imported pure electric motor vehicles, relevant batteries and their electric charging station equipment. (2) Entities that import or locally manufacture the exempted equipment for health-related purposes referred to in Paragraph (1)(b) are those recognised by the Rwandan legislation as public organs, social welfare organisations and any other form of voluntary or charitable organisations. (3) The exemption of the goods referred to in Paragraph (1) is applied as follows:	ou autorisée en vertu de la loi portant régulation du marché des capitaux au Rwanda et l'entité à vocation spéciale est un contribuable enregistré au Rwanda; (x) véhicules automobiles purement électriques, batteries correspondantes et leurs équipements des stations de recharge électrique importés. (2) Les entités qui importent ou produisent localement les équipements exonérés, à des fins relatives à la santé, visés au paragraphe (1)(b) sont celles reconnues par la législation rwandaise comme étant des organes publics, des organismes à caractère social et toute autre forme d'organisations bénévoles ou caritatives. (3) L'exonération des biens prévus au paragraphe (1) s'applique de la
--	---	--

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

bukurikira: (a) ibikoresho bitanga ingufu bivugwa mu gika cya (1)(i) bisonewe kugeza ku wa 30 Kamena 2028; (b) imashini n'ibikoresho remezo by'inganda hamwe n'ibikoresho fatizo bikoresheka n'inganda bivugwa mu gika cya (1)(s) bisonewe kugeza ku wa 30 Kamena 2026; (c) ibinyabiziga bigendeshwa na moteri ikoresheka amashanyarazi, bateri zo muri urwo rwego n'ibikoresho bya sitasiyo ibyongerera umuriro byatumijwe mu mahanga bivugwa mu gika cya (1)(x) bisonewe kugeza ku wa 30 Kamena 2028. (4) Ibikoresho bigenewe abantu bafite ubumuga bivugwa mu gika cya (1)(b)(ii) ni ibyemejwe na muganga wemewe ko bijyanye n'ubumuga bw'abo bigenewe, iyo utumiza mu mahanga cyangwa ubikorera mu Gihugu ari umuntu ku giti cye.	(a) the energy supply equipment referred to in Paragraph (1)(i) is exempted until 30 June 2028; (b) machinery and capital assets of industries as well as raw materials used in industries referred to in Paragraph (1)(s) are exempted until 30 June 2026; (c) imported pure electric motor vehicles, relevant batteries and their electric charging station equipment referred to in Paragraph (1)(x) are exempted until 30 June 2028. (4) The equipment intended for persons with disabilities referred to in Paragraph (1)(b)(ii) is the one confirmed by a recognised medical doctor as being related to the disability of target users if the importer or the local manufacturer is a natural person.	manière suivante : (a) les équipements de fourniture d'énergie visés au paragraphe (1)(i) sont exonérés jusqu'au 30 juin 2028 ; (b) les machines et les biens d'équipement des industries ainsi que les matières premières utilisées dans des industries visés au paragraphe (1)(s) sont exonérés jusqu'au 30 juin 2026 ; (c) les véhicules automobiles purement électriques, les batteries correspondantes et leurs équipements des stations de recharge électrique importés visés au paragraphe (1)(x) sont exonérés jusqu'au 30 juin 2028. (4) Les équipements destinés aux personnes handicapées visés au paragraphe (1)(b)(ii) sont ceux confirmés par un médecin agréé comme étant liés au handicap des utilisateurs cibles lorsque l'importateur ou le fabricant local est une personne physique.
--	---	---

(5) Ibintu bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byatunganyijwe mu nganda bivugwa mu gika cya (1)(k) ni ibi bikurikira: (a) ibintu byongerewe agaciro hakoreshejwe imashini cyangwa ubundi buryo kugira ngo bigere ku rwego rwo kuribwa, kunyobwa cyangwa gukoreshwa; (b) ibintu byongerewe agaciro ku buryo bihindura inomeru byari bisanganywe ku rutonde rw'ibicuruzwa n'ibipimo by'amahoro rukurikizwa muri za gasutamo. (6) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo uruganda rusonerwe ubwishyu bw'umusoro ku nyongeragaciro ku mashini n'ibikoresho remezo by'inganda hamwe n'ibikoresho fatizo bikoreshwa n'inganda bivugwa mu gika cya (1)(s). »	(5) Processed agricultural and livestock products referred to in Paragraph (1)(k) are the following: (a) products whose added value is created by the use of machinery or of any other method up to the stage of being consumed or used; (b) products whose added value is created in the manner that changes the number of the harmonized system code and related duty rates used in the customs system. (6) An Order of the Minister determines requirements for an industry to be exempted from payment of value added tax on machinery and capital assets of industries as well as raw materials used in industries referred to in Paragraph (1)(s).”	(5) Les produits agricoles et d'élevage transformés visés au paragraphe (1)(k) sont les suivants : (a) produits dont la valeur ajoutée est obtenue à l'aide de machines ou à l'aide d'une autre méthode au point d'être consommés ou utilisés ; (b) produits dont la valeur ajoutée est obtenue de manière à modifier le numéro de code du système harmonisé et les taux de droits associés utilisés dans le système douanier. (6) Un arrêté du Ministre détermine les exigences pour qu'une industrie soit exonérée du paiement de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines et les biens d'équipement des industries ainsi que les matières premières utilisées dans des industries visées au paragraphe (1)(s). ».
<u>Ingingo ya 2: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	<u>Article 2: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	<u>Article 2 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

<u>Ingingo ya 3: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 3: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 3 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	---	--

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 010/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHU AMAHORO Y'IBIDUKIKIJE YISHYURWA KU BIKORESHO BITUMIZWA MU MAHANGA BIPFUNYITSE MU BIKORESHO BYA PULASITIKI <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n'iri tegeko <u>Ingingo ya 4:</u> Igipimo cy'amahoro <u>Ingingo ya 5:</u> Aho amahoro yakirirwa <u>Ingingo ya 6:</u> Konti ibikwaho amahoro <u>Ingingo ya 7:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 8:</u> Gutangira gukurikizwa	LAW N° 010/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING AN ENVIRONMENTAL LEVY ON IMPORTED ITEMS PACKAGED IN PLASTIC MATERIALS <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Scope of application of this Law <u>Article 4:</u> Levy rate <u>Article 5:</u> Place of levy collection <u>Article 6:</u> Account for levy deposit <u>Article 7:</u> Language provision <u>Article 8:</u> Entry into force	LOI N° 010/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UNE REDEVANCE ENVIRONNEMENTALE SUR LES ARTICLES IMPORTÉS EMBALLÉS DANS DES MATÉRIAUX EN MATIÈRE PLASTIQUE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Champ d'application de la présente loi <u>Article 4 :</u> Taux de la redevance <u>Article 5 :</u> Lieu de perception de la redevance <u>Article 6 :</u> Compte pour versement de la redevance <u>Article 7 :</u> Disposition linguistique <u>Article 8 :</u> Entrée en vigueur
--	---	--

ITEGEKO N° 010/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHU AMAHORO Y'IBIDUKIKIJE YISHYURWA KU BIKORESHO BITUMIZWA MU MAHANGA BIPFUNYITSE MU BIKORESHO BYA PULASITIKI Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Mata 2025; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n'iya 165; YEMEJE:	LAW N° 010/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING AN ENVIRONMENTAL LEVY ON IMPORTED ITEMS PACKAGED IN PLASTIC MATERIALS We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 28 April 2025; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165; ADOPTS:	LOI N° 010/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UNE REDEVANCE ENVIRONNEMENTALE SUR LES ARTICLES IMPORTÉS EMBALLÉS DANS DES MATÉRIAUX EN MATIÈRE PLASTIQUE Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENUEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 28 avril 2025 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ; ADOpte :
---	--	---

<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u> Iri tegeko rishyiraho amahoro y’ibidukikije yishyurwa ku bikoreho bitumizwa mu mahanga bipfunyitse mu bikoreho bya pulasitiki hagamijwe imicungire y’imyanda ibikomokaho. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri tegeko – (a) « amahoro » bivuga amafaranga yishyurwa ku bikoreho bitumizwa mu mahanga bipfunyitse mu bikoreho bya pulasitiki; (b) « ibikoreho » bivuga umutungo ufatika cyangwa udafatika upfunyitse mu bikoreho bya pulasitiki; (c) « ibikoreho bya pulasitiki » bivuga ibintu bikozwe mu bikomoka ku binyabutabire bya peteroli harimo amasashe, bitaremereye, byorohereye kandi bitabwira. <u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri tegeko</u> (1) Iri tegeko rireba urutonde rw’ibikoreho	<u>Article One: Purpose of this Law</u> This Law establishes an environmental levy on imported items that are packaged in plastic materials for the management of the resulting waste. <u>Article 2: Interpretation</u> In this Law – (a) “levy” means a charge applied to imported items that are packaged in plastic materials; (b) “items” means tangible or intangible property packaged in plastic materials; (c) “plastic materials” means lightweight, soft and non-compostable materials, including plastic carry bags, that are made from substances derived from petrochemicals. <u>Article 3: Scope of application of this Law</u> (1) This Law applies to the list of imported	<u>Article premier : Objet de la présente loi</u> La présente loi instaure une redevance environnementale sur les articles importés emballés dans des matériaux en matière plastique en vue de la gestion des déchets qui en résultent. <u>Article 2 : Interprétation</u> Dans la présente loi – (a) « redevance » signifie une imposition appliquée aux articles importés emballés dans des matériaux en matière plastique; (b) « articles » signifie les biens matériels ou immatériels emballés dans des matériaux en matière plastique ; (c) « matériaux en matière plastique » signifie des matériaux légers, souples et non compostables, y compris les sacs en plastique, fabriqués à partir des substances provenant de produits pétrochimiques. <u>Article 3 : Champ d’application de la présente loi</u> (1) La présente loi s’applique à la liste des
---	---	---

bitumizwa mu mahanga biri ku mugereka, uretse iyo ibyo bikoresho – (a) bisonewe amahoro hakurikijwe itegeko rigenga imicungire ya gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba; (b) cyangwa ari imiti. (2) Iteka rya Minisitiri ufite imisoro n'amahoro mu nshingano rishobora kongera cyangwa kugabanya urutonde rw'ibikoresho bitumizwa mu mahanga biri ku mugereka w'iri tegeko. <u>Ingingo ya 4: Igipimo cy'amahoro</u> Ibikoresho bitumizwa mu mahanga biteganywa n'iri tegeko byishyura amahoro angana na 0,2% abarirwa ku gaciro kabyo ka gasutamo. <u>Ingingo ya 5: Aho amahoro yakirirwa</u> Amahoro ku bikoresho bitumizwa mu mahanga yakirirwa kuri gasutamo hakurikijwe itegeko rigenga imicungire ya gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.	items included in the Annex, except if such items – (a) are exempted in accordance with the East African Community Customs Management Act; or (b) are pharmaceutical products. (2) An Order of the Minister in charge of taxes may expand or narrow down the list of imported items included in the Annex to this Law. <u>Article 4: Levy rate</u> Imported items provided for by this Law are subject to a levy of 0.2% to be calculated on their customs value. <u>Article 5: Place of levy collection</u> The levy on imported items is collected at the customs point in accordance with the East African Community Customs Management Act.	articles importés figurant en annexe, sauf si ces articles – (a) sont exonérés conformément à la Loi portant gestion des douanes de la Communauté de l'Afrique de l'Est ; ou (b) sont des produits pharmaceutiques. (2) Un arrêté du Ministre ayant les impôts dans ses attributions peut élargir ou restreindre la liste des articles importés figurant en annexe de la présente loi. <u>Article 4 : Taux de la redevance</u> Les articles importés prévus par la présente loi sont assujettis à une redevance de 0,2% calculée sur leur valeur en douane. <u>Article 5 : Lieu de perception de la redevance</u> La redevance sur les articles importés est perçue au poste douanier conformément à la Loi portant gestion des douanes de la Communauté de l'Afrique de l'Est.
---	---	---

<u>Ingingo ya 6: Konti ibikwaho amahoro</u> Amahoro abikwa kuri konti ishamikiye kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta. <u>Ingingo ya 7: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa guhera ku wa 01 Nyakanga 2025.	<u>Article 6: Account for levy deposit</u> The levy is deposited into a sub-account of the Treasury Single Account. <u>Article 7: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 8: Entry into force</u> This Law comes into force as from 01 July 2025.	<u>Article 6 : Compte pour versement de la redevance</u> La redevance est versée sur un sous-compte du compte unique du Trésor. <u>Article 7 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 8 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur à compter du 01 juillet 2025.
---	---	---

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'ITEGEKO N° 010/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHO AMAHORO Y'IBIDUKIKIJE YISHYURWA KU BIKORESHO BITUMIZWA MU MAHANGA BIPFUNDITSE MU BIKORESHO BYA PULASITIKI	ANNEX TO LAW N° 010/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING AN ENVIRONMENTAL LEVY ON IMPORTED ITEMS PACKAGED IN PLASTIC MATERIALS	ANNEXE À LA LOI N° 010/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UNE REDEVANCE ENVIRONNEMENTALE SUR LES ARTICLES IMPORTÉS EMBALLÉS DANS DES MATÉRIAUX EN MATIÈRE PLASTIQUE
--	--	---

N°	URUTONDE RW'IBIKORESHO BYISHYURIRWA AMAHORO Y'IBIDUKIKIJE YISHYURWA KU BIKORESHO BITUMIZWA MU MAHANGA BIPFUNDITSE MU BIKORESHO BYA PULASITIKI	LIST OF ITEMS SUBJECT TO ENVIRONMENTAL LEVY ON IMPORTED ITEMS PACKAGED IN PLASTIC MATERIALS	LISTE DES ARTICLES ASSUJETTIS À UNE REDEVANCE ENVIRONNEMENTALE SUR LES ARTICLES IMPORTÉS EMBALLÉS DANS DES MATÉRIAUX EN MATIÈRE PLASTIQUE
1.	Amazi	Water	Eau
2.	Ubwoko bwose bw'imitobe, ibinyobwa bitera imbaraga n'ibinyobwa bidasembuye	All types of juice, energy drinks and carbonated non-alcoholic beverages	Tous types de jus, boissons énergisantes et boissons gazeuses non alcoolisées
3.	Ubunyobwa, ubuki n'ibibikomokaho	Peanut butter, honey and derived products	Beurre d'arachide, miel et produits dérivés
4.	Amavuta yo kwisiga y'ubwoko bwose n'isabune ya shampoo	All types of body lotions, petroleum jelly and shampoos	Tous types de lotions pour le corps, vaseline et shampoings
5.	Matora	Mattresses	Matelas
6.	Imyenda	Clothes	Vêtements
7.	Inkweto	Shoes	Chaussures
8.	Isabune z'ubwoko bwose	All types of soaps	Tous types de savons
9.	Impapuro z'isuku	Toilet papers	Papiers hygiéniques

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n° 010/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho amahoro y'ibidukikije yishyurwa ku bikoreho bitumizwa mu mahanga bipfuntse mu bikoreho bya pulasitiki	Seen to be annexed to Law n° 010/2025 of 27/05/2025 establishing an environmental levy on imported items packaged in plastic materials	Vu pour être annexé à la Loi n° 010/2025 du 27/05/2025 portant instauration d'une redevance environnementale sur les articles importés emballés dans des matériaux en matière plastique
--	---	--

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 011/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHU UMUSORO KU BYAGUZWE <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Igicuruzwa cyakorewe mu Rwanda, icyatumijwe mu mahanga na serivisi itangwa mu Rwanda <u>Ingingo ya 4:</u> Igicuruzwa na serivisi n'ibipimo by'umusoro bijyanye na byo <u>Ingingo ya 5:</u> Isonerwa ry'umusoro <u>Ingingo ya 6 :</u> Ishingiro ry'umusoro <u>Ingingo ya 7:</u> Igihe cyo gusoresha <u>Ingingo ya 8:</u> Igihe cy'umusoro <u>Ingingo ya 9:</u> Igihe cyo kumenyekanisha no kwishyura umusoro	LAW N° 011/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING THE EXCISE DUTY <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Product manufactured in Rwanda, imported product and service supplied in Rwanda <u>Article 4:</u> Product and service and corresponding tax rates <u>Article 5:</u> Exemption from tax <u>Article 6:</u> Tax base <u>Article 7:</u> Time for taxation <u>Article 8:</u> Tax period <u>Article 9:</u> Period for tax declaration and payment	LOI N° 011/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION DU DROIT D'ACCISE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Produit fabriqué au Rwanda, produit importé et service fourni sur le territoire du Rwanda <u>Article 4 :</u> Produit et service et taux d'imposition correspondants <u>Article 5 :</u> Exonération de l'impôt <u>Article 6 :</u> Assiette d'imposition <u>Article 7 :</u> Moment d'imposition <u>Article 8 :</u> Période imposable <u>Article 9 :</u> Période de déclaration et de paiement de l'impôt
---	---	---

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBURENGANZIRA BY'USORA <u>Icyiciro cya mbere</u>: Inshingano z'usora <u>Ingingo ya 10</u>: Kuzuza ibitabo <u>Ingingo ya 11</u>: Gushyira itembure y'umusoro ku gicuruzwa gisoreshwa <u>Ingingo ya 12</u>: Gushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro <u>Ingingo ya 13</u>: Kuzuza ibitabo by'ibaruramari <u>Icyiciro cya 2</u>: Uburenganzira bw'usora <u>Ingingo ya 14</u>: Kwibarira umusoro UMUTWE WA III: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO <u>Icyiciro cya mbere</u>: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi <u>Ingingo ya 15</u>: Kutuzuzwa igitabo cyandikwamo amatembure y'umusoro	CHAPTER II: TAXPAYER'S OBLIGATIONS AND RIGHTS <u>Section One</u>: Taxpayer's obligations <u>Article 10</u>: Keeping registers <u>Article 11</u>: Affixing a tax stamp on a taxable product <u>Article 12</u>: Submission to the Tax Administration of a reconciliation statement on the usage of tax stamps <u>Article 13</u>: Keeping books of accounts <u>Section 2</u>: Taxpayer's rights <u>Article 14</u>: Self-assessment CHAPTER III: FAULTS, OFFENCES, SANCTIONS AND PENALTIES <u>Section One</u>: Faults and administrative sanctions <u>Article 15</u>: Failure to keep tax stamps register or timely submit to Tax	CHAPITRE II : OBLIGATIONS ET DROITS DU CONTRIBUABLE <u>Section première</u> : Obligations du contribuable <u>Article 10</u> : Tenue des registres <u>Article 11</u> : Apposition d'une vignette fiscale sur un produit imposable <u>Article 12</u> : Soumission à l'Administration fiscale d'un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales <u>Article 13</u> : Tenue des livres comptables <u>Section 2</u> : Droits du contribuable <u>Article 14</u> : Auto-évaluation CHAPITRE III : FAUTES, INFRACTIONS, SANCTIONS ET PEINES <u>Section première</u> : Fautes et sanctions administratives <u>Article 15</u> : Défaut de tenir un registre de vignettes fiscales ou de soumettre à
--	--	--

cyangwa kudashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro ku gihe <u>Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano</u> <u>Ingingo ya 16:</u> Ibihano ku byaha byerekeye imikoreshereze y'amatembure y'umusoro <u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 17:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 18:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 19:</u> Gutangira gukurikizwa	Administration reconciliation statement on the usage of tax stamps <u>Section 2:</u> Offences and penalties <u>Article 16:</u> Penalties for offences related to the usage of tax stamps <u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISIONS <u>Article 17:</u> Language provision <u>Article 18:</u> Repealing provision <u>Article 19:</u> Entry into force	l'Administration fiscale un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales dans les délais <u>Section 2 :</u> Infractions et peines <u>Article 16 :</u> Peines pour les infractions liées à l'utilisation de vignettes fiscales <u>CHAPITRE IV :</u> DISPOSITIONS FINALES <u>Article 17 :</u> Disposition linguistique <u>Article 18 :</u> Disposition abrogatoire <u>Article 19 :</u> Entrée en vigueur
--	--	--

ITEGEKO N° 011/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHU UMUSORO KU BYAGUZWE Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Mata 2025; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n’iya 165; Isubiye ku Itegeko n° 050/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku byaguzwe; YEMEJE:	LAW N° 011/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING THE EXCISE DUTY We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 29 April 2025; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165; Having reviewed Law n° 050/2023 of 05/09/2023 establishing the excise duty; ADOPTS:	LOI N° 011/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION DU DROIT D’ACCISE Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 29 avril 2025 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ; Revu la Loi n° 050/2023 du 05/09/2023 établissant le droit d’accise ; ADOpte :
--	---	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u> Iri tegeko rishyiraho umusoro ku byaguzwe ucibwa kuri bimwe mu bicuruzwa byatumijwe mu mahanga, ibikorera mu Rwanda na serivisi zitangwa mu Rwanda. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri tegeko – (a) « abantu bafitanye isano » bivuga abantu bakora cyangwa bashobora gukora hakurikijwe amabwiriza, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by’abandi bantu, iyo ayo mabwiriza, ibyo ibitekerezo cyangwa ibyo byifuzo babimenyeshejwe cyangwa batabimenyeshejwe. By’umwihariko, abantu bakurikira bafatwa nk’abantu bafitanye isano: (i) umuntu ku giti cye hamwe n’uwo bashyiranywe, abo bakomokaho ku buryo butaziguye cyangwa ababakomokaho ku buryo butaziguye n’abafitanye isano na bo ku buryo buziguye	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS <u>Article One: Purpose of this Law</u> This Law establishes the excise duty levied on some imported products, products manufactured in Rwanda and services supplied in Rwanda. <u>Article 2: Interpretation</u> In this Law – (a) “related persons” means the persons who act or are likely to act in accordance with the directives, opinions or wishes of other persons, whether or not such directives, opinions or wishes are communicated to them. In particular, the following persons are regarded as related persons: (i) an individual and his or her spouse, their direct lineal ascendants or direct lineal descendants and their relatives in the collateral line up to at least the 3rd degree;	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier : Objet de la présente loi</u> La présente loi instaure le droit d’accise perçu sur certains produits importés, produits fabriqués au Rwanda ainsi que sur certains services fournis sur le territoire du Rwanda. <u>Article 2 : Interprétation</u> Dans la présente loi – (a) « personnes liées » signifie les personnes qui agissent ou qui sont susceptibles d’agir conformément aux directives, aux avis ou aux souhaits d’autres personnes, que ces directives, avis ou souhaits leur soient ou non communiqués. En particulier, les personnes suivantes sont considérées comme personnes liées : (i) un individu et son conjoint, leurs ascendants en ligne directe ou leurs descendants en ligne directe et leurs parents en ligne collatérale au moins jusqu’au 3^{ème} degré ;
--	---	---

kugeza nibura ku gisanira cya 3; (ii) umwe mu bantu ugira uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu micungire, mu bugenzuzi cyangwa mu gishoro by'undi; (iii) undi muntu ugira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, mu bugenzuzi cyangwa mu gishoro cyangwa mu bugenzuzi no mu gishoro by'undi muntu; (iv) cyangwa abantu bateganyijwe mu gace k'agaka ka (i), aka (ii) n'aka (iii) bagira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, mu bugenzuzi cyangwa mu gishoro by'isosiyete y'ubucuruzi; (b) « igicuruzwa gisoreshwa » bivuga ikintu cyakorewe mu Rwanda cyangwa cyatumijwe mu mahanga gitangirwa umusoro ku byaguzwe; (c) « itembure y'umusoro » bivuga ikimenyetso gishyirwa ku gicuruzwa gisoreshwa kigaragaza ko igicuruzwa kizagurishwa mu Rwanda;	(ii) one of the persons who participate directly or indirectly in the management, control or capital of another person; (iii) a third person who participates directly or indirectly in the management, control or capital or both control and capital of another person; or (iv) the persons provided for in sub-subparagraphs (i), (ii) and (iii) who participate directly or indirectly in the management, control or capital of a company; (b) “taxable product” means a product manufactured in Rwanda or imported that is subject to excise duty; (c) “tax stamp” means a sign affixed on a taxable product subject to tax indicating that the product is intended for sale in Rwanda.	(ii) l'une des personnes qui participent directement ou indirectement à la gestion, au contrôle ou au capital de l'autre ; (iii) une tierce personne qui participe directement ou indirectement à la gestion, au contrôle ou au capital ou à la fois au contrôle et au capital d'une autre personne ; ou (iv) les personnes prévues aux sous-alinéas (i), (ii) et (iii) qui participent directement ou indirectement à la gestion, au contrôle ou au capital d'une société commerciale ; (b) « produit imposable » signifie un produit fabriqué au Rwanda ou importé qui est assujetti au droit d'accise ; (c) « vignette fiscale » signifie un signe que l'on appose sur un produit imposable assujetti à l'impôt qui indique que ce produit est destiné à la
---	---	---

(d) « Komiseri Mukuru » bivuga Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; (e) « serivisi isoreshwa » bivuga serivisi z'iherekanya ry'amafaranga n'iz'itumanaho rya telefoni zigaragara ku mugereka w'iri tegeko; (f) « Ubuyobozi bw'Imisoro » bivuga Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; (g) « ukwezi gusanze » bivuga igihe kibariwe ku ngengaminsi kiva ku itariki ya mbere y'ukwezi kikagera ku itariki ya nyuma yako; (h) « umukozi wemewe » bivuga umukozi wahawe ububasha n'Ubuyobozi bw'Imisoro bwo kugenzura, guperereza, gushyikirana n'usora, gukosora impapuro z'imenesha, gukora no gutanga impapuro zishyuzwa, gutegura inyandikomvugo n'ubwo gukora ikindi cya ngombwa kugira ngo iri tegeko ryubahirizwe kandi akaba afite ibimuranga bigaragaza ko afite ubwo bubasha;	(d) “Commissioner General” means the Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority; (e) “taxable service” means the financial transaction and telephone communication services listed in the Annex to this Law; (f) “Tax Administration” means the Rwanda Revenue Authority; (g) “calendar month” means a period of time defined with reference to the calendar, starting from the first day and ending on the last day of a given month; (h) “authorised officer” means an officer empowered by the Tax Administration to conduct audits and investigations, to negotiate with the taxpayer, to adjust tax declarations, to prepare and issue notices of assessment, to draft affidavits and to do anything else that is necessary to ensure the enforcement of this Law and who possesses means of identification constituting proof of such powers;	vente sur le territoire du Rwanda ; (d) « Commissaire général » signifie le Commissaire général de l'Office rwandais des Recettes ; (e) « service imposable » signifie les services de transactions financières et de communications téléphoniques figurant en annexe de la présente loi ; (f) « Administration fiscale » signifie l'Office rwandais des Recettes ; (g) « mois calendrier » signifie une période de temps définie par référence au calendrier allant du premier au dernier jour d'un mois donné ; (h) « agent autorisé » signifie un agent habilité par l'Administration fiscale à effectuer des audits et des enquêtes, à négocier avec le contribuable, à procéder au redressement de déclarations fiscales, à établir et délivrer des avis d'imposition, à dresser des procès-verbaux et à accomplir toute autre tâche nécessaire pour assurer l'application de la présente loi et qui est muni de moyens d'identification attestant de ces pouvoirs;
---	---	---

(i) « umuntu » arimo umuntu ku giti cye, urwego rwa Leta, isosiyete y'ubucuruzi, koperative, ubufatanye mu bucuruzi, ubwizerane, fondasiyo, isosiyete ishamikiye ku yindi, icyicaro gihoraho n'umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa undi muryango w'abantu hatitawe ku miterere yawo; (j) « uruganda » bivuga inyubako, ibikoresho cyangwa ibyuma byifashishwa mu gukora cyangwa guhindura igicuruzwa gitangirwa umusoro.	(i) “person” includes an individual, public entity, company, cooperative, partnership, trust, foundation, subsidiary, permanent establishment and body corporate, or any other association of persons regardless of its status; (j) “factory” means a plant, equipment or appliances used in manufacturing or processing a taxable product.	(i) « personne » comprend un individu, une entité publique, une société commerciale, une coopérative, une société de personnes, une fiducie, une fondation, une filiale, un établissement stable et une personne morale ou une autre association de personnes quelle que soit sa forme ; (j) « usine » signifie une installation, des équipements ou appareils utilisés dans la fabrication ou la transformation d'un produit imposable.
<u>Ingingo ya 3: Igicuruzwa cyakorewe mu Rwanda, icyatumijwe mu mahanga na serivisi itangwa mu Rwanda</u> (1) Igicuruzwa gifatwa nk'icyakorewe mu Rwanda iyo uruganda rwagikoze cyangwa rwagitunganyije ruri ku butaka bw'u Rwanda. (2) Igicuruzwa gifatwa nk'icyatumijwe mu mahanga iyo gisaba gukorerwa imihango yo muri gasutamo hakurikijwe itegeko rigenga imikorere ya gasutamo ku munsu icyo	<u>Article 3: Product manufactured in Rwanda, imported product and service supplied in Rwanda</u> (1) A product is considered as manufactured in Rwanda if the factory having manufactured or processed it is on the Rwandan territory. (2) A product is considered as imported if it requires customs formalities in accordance with the customs law system on the date of entry of the product into Rwanda.	<u>Article 3 : Produit fabriqué au Rwanda, produit importé et service fourni sur le territoire du Rwanda</u> (1) Un produit est considéré comme fabriqué au Rwanda lorsque l'usine de fabrication ou de transformation se trouve sur le territoire du Rwanda. (2) Un produit est considéré comme importé lorsqu'il nécessite des formalités douanières conformément au système de législation douanière au jour de son entrée au Rwanda.

gicuruzwa cyinjirijwe mu Rwanda. (3) Serivisi ifatwa nk'itangwa mu Rwanda iyo itanzwe n'umuntu wemerewe gukorera mu Rwanda ayiha umuntu uri cyangwa utuye mu Rwanda. <u>Ingingo ya 4: Igicuruzwa na serivisi n'ibipimo by'umusoro bijyanye na byo</u> Umusoro ku byaguzwe ucibwa ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga, igikorera mu Rwanda na serivisi itangirwa mu Rwanda ku bipimo by'umusoro bijyanye nk'uko bigaragara ku mugereka. <u>Ingingo ya 5: Isonerwa ry'umusoro</u> (1) Ibintu bikurikira bisonewe umusoro ku byaguzwe: (a) ibintu bigenewe imiryango y'abagiraneza; (b) imodoka ziteranyirizwa mu Rwanda; (c) imodoka imwe bwite y'uwaru umudipolomate uvuye mu rwego ruhagarariye u Rwanda mu mahanga;	(3) A service is considered as supplied in Rwanda if it is supplied by a person licensed to operate in Rwanda to a person residing in Rwanda. <u>Article 4: Product and service and corresponding tax rates</u> The excise duty is levied on an imported product, a product manufactured in Rwanda and a service supplied in Rwanda at the corresponding tax rates as indicated in the Annex. <u>Article 5: Exemption from tax</u> (1) The following goods are exempted from the excise duty: (a) goods for charitable organisations; (b) vehicles assembled in Rwanda; (c) one personal vehicle of a former diplomat returning from foreign diplomatic mission;	(3) Un service est considéré comme fourni sur le territoire du Rwanda lorsqu'il est fourni par une personne autorisée à opérer au Rwanda à une personne qui réside au Rwanda. <u>Article 4 : Produit et service et taux d'imposition correspondants</u> Le droit d'accise est perçu sur un produit importé, un produit fabriqué au Rwanda et un service fourni sur le territoire du Rwanda aux taux d'imposition correspondants tels qu'indiqués à l'annexe. <u>Article 5 : Exonération de l'impôt</u> (1) Les biens suivants sont exonérés du droit d'accise : (a) biens destinés aux organisations caritatives ; (b) véhicules assemblés au Rwanda ; (c) véhicule personnel d'un ancien diplomate de retour d'une mission diplomatique ;
--	--	--

(d) imodoka imwe y'Umunyarwanda uvuye mu gihugu cy'amahanga wujuje ibisabwa n'itegeko rigenga imicungire ya za gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba; (e) imodoka zo mu bwoko bukurikira: (i) minibisi na bisi bishobora gutwara abantu batari muni ya 14; (ii) ikamyo n'ikamyoneti zifite <i>single cabin</i> zakorewe gutwara ibintu; (iii) imodoka zifite ibyuma bikonjesha; (iv) imodoka zikorehwa mu bukerarugendo; (v) imbanguriragutabara n'imodoka zigenewe abafite ubumuga; (f) ibicuruzwa byakorewe gusa gucuruzwa hanze y'Igihugu;	(d) one vehicle of a Rwandan national returning from a foreign country who fulfils exemption requirements provided for in the East African Community Customs Management Act; (e) vehicles in the following categories: (i) minibus and bus that can carry not less than 14 persons; (ii) lorries and single cabin pick-ups manufactured to carry goods; (iii) refrigerating vehicles; (iv) tourist vehicles; (v) ambulances and vehicles designed for persons with disabilities; (f) products specifically manufactured for export;	(d) véhicule d'une personne de nationalité rwandaise qui est de retour d'un pays étranger et qui satisfait aux exigences d'exonération prévues par la Loi portant gestion des douanes de la Communauté de l'Afrique de l'Est; (e) véhicules des catégories suivantes : (i) minibus et bus pouvant transporter au moins 14 personnes ; (ii) camions et pickups simple cabine fabriqués pour transporter des marchandises ; (iii) véhicules frigorifiques ; (iv) véhicules de tourisme ; (v) ambulances et véhicules destinés aux personnes handicapées ; (f) produits spécifiquement fabriqués à des fins d'exportation ;
---	---	--

(g) ibicuruzwa bigurishijwe ku mahahiro adacibwa imisoro no ku bandi bantu bihariye bagenwa n'amategeko abigenga. (2) Imodoka zikoreshwa mu bukerarugendo ziteganyijwe mu gika cya (1)(e)(iv) zigengwa n'ibisabwa biteganywa n'itegeko rigenga imicungire ya za gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.	(g) products sold to duty free shops and other specific persons determined by relevant Laws. (2) The tourism vehicles provided for in paragraph (1)(e)(iv) are subject to the requirements provided for by the East African Community Customs Act.	(g) produits vendus aux boutiques hors taxes et aux autres personnes spécifiques déterminées par la législation en la matière. (2) Les véhicules de tourisme prévus au paragraphe (1)(e)(iv) sont soumis aux exigences prévues par la Loi portant gestion des douanes de la Communauté de l'Afrique de l'Est.
<u>Ingingo ya 6 : Ishingiro ry'umusoro</u> (1) Bitabangamiye uburyo bw'isoresha bushingiye ku ngano ya bimwe mu bicuruzwa buteganyijwe mu ngingo ya 4 – (a) ishingiro ry'umusoro ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga ribarwa hashingiwe ku biteganywa n'itegeko rigenga imicungire ya za gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba; (b) ishingiro ry'umusoro ku gicuruzwa cyakorewe mu Rwanda na serivisi itangwa mu Rwanda ni ikiguzi cy'igicuruzwa	<u>Article 6: Tax base</u> (1) Without prejudice to the tax procedure applicable to the quantity of certain products and which is provided for in Article 4 – (a) the tax base for an imported product is calculated in accordance with the provisions of the East African Community Customs Act; (b) the tax base for a product manufactured in Rwanda and a service supplied in Rwanda is the selling price of the product or	<u>Article 6 : Assiette d'imposition</u> (1) Sans préjudice de la procédure fiscale applicable à la quantité de certains produits et qui est prévue à l'article 4 – (a) l'assiette d'imposition pour le produit importé est calculée conformément aux dispositions de la Loi portant gestion des douanes de la Communauté de l'Afrique de l'Est ; (b) l'assiette d'imposition pour un produit fabriqué au Rwanda et un service fourni sur le territoire du Rwanda est le prix de vente du

cyangwa icya serivisi;	service;	produit ou du service ;
(c) ishingiro ry'umusoro ku isegereti ni urukomatanye rw'ingano n'igicuruzo byaryo harimo umusoro. (2) Ikiguzi giteganywa mu gika cya (1)(b) ni amafaranga yose umuguzi cyangwa uwakira igicuruzwa cyangwa serivisi bisoreshwa yishyuye cyangwa agomba kwishyura ukora icyo gicuruzwa cyangwa utanga iyo serivisi, hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro. (3) Iyo ukora igicuruzwa cyangwa utanga serivisi n'ugura cyangwa uwakira igicuruzwa cyangwa serivisi bisoreshwa ari abantu bafitanye isano, ikiguzi ni amafaranga igicuruzwa cyangwa serivisi byashoboraga kugurishwaho mu gihe igikorwa cyo kugurisha cyangwa gutanga serivisi cyabaye mu ihiganwa risesuye mu gihe cyo kuranguza igicuruzwa cyangwa gutanga serivisi hakurikijwe amategeko abigenga.	(c) the tax base for cigarettes is the combination of a specific base and the retail price, tax inclusive. (2) The selling price provided for in paragraph (1)(b) is the total amount paid or to be paid by a buyer or recipient of a taxable product or service to the producer of the product or the service supplier, excluding the value added tax. (3) If a producer of a product or service provider and buyer or recipient of a taxable product or service are related persons, the selling price is the price that the product or service would reasonably be expected to fetch in an arm's length transaction at the wholesale level in accordance with relevant Laws.	(c) l'assiette d'imposition pour les cigarettes est la combinaison d'une base spécifique et du prix de vente au détail, impôt inclus. (2) Le prix de vente prévu au paragraphe (1)(b) est le montant total payé ou à payer par l'acheteur ou le destinataire d'un produit ou service imposable au producteur du produit ou au prestataire de service, hors taxe sur la valeur ajoutée. (3) Lorsqu'un producteur d'un produit ou un prestataire de service et l'acheteur ou le destinataire d'un produit ou service imposable sont des personnes liées, le prix de vente est le prix auquel on pourrait raisonnablement s'attendre pour ce produit ou service dans le cadre d'une transaction effectuée dans des conditions de concurrence normales au niveau de la vente en gros conformément à la législation en la matière.

<u>Ingingo ya 7: Igihe cyo gusoresha</u> Umusoro ucibwa ku gicuruzwa cyangwa serivisi iyo – (a) igicuruzwa kivanywe mu ruganda, ku birebana n'igicuruzwa gikorera mu Rwanda; (b) igicuruzwa kigeze mu bugenzuzi bwa gasutamo, ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga; (c) cyangwa serivisi itanzwe.	<u>Article 7: Time for taxation</u> The tax is payable on a product or service when – (a) the product is cleared out of the factory, in case of a product manufactured in Rwanda; (b) the product is under the customs control, in case of an imported product; or (c) the service is supplied.	<u>Article 7 : Moment d'imposition</u> L'impôt est payable sur un produit ou un service lorsque – (a) le produit est sorti de l'usine, dans le cas d'un produit fabriqué au Rwanda ; (b) le produit est sous contrôle douanier, dans le cas d'un produit importé ; ou (c) le service est fourni.
<u>Ingingo ya 8: Igihe cy'umusoro</u> Igihe cy'umusoro ni ukwezi gusanze.	<u>Article 8: Tax period</u> The tax period is the calendar month.	<u>Article 8 : Période imposable</u> La période imposable est le mois calendrier.
<u>Ingingo ya 9: Igihe cyo kumenyekanisha no kwishyura umusoro</u> (1) Usora amenyekanisha kandi akishyura umusoro mu gihe kitarenze iminsi itanu ikurikira igihe giteganywa mu ngingo ya 8. (2) Umusoro ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga wishyurirwa rimwe n'amahoro ya gasutamo. (3) Ubuyobozi bw'Imisoro bugena	<u>Article 9: Period for tax declaration and payment</u> (1) The taxpayer declares and pays the tax within five days following the periods provided for in Article 8. (2) The tax on an imported product is paid concurrently with customs duties. (3) The Tax Administration determines	<u>Article 9 : Période de déclaration et de paiement de l'impôt</u> (1) Le contribuable déclare et paie l'impôt dans les cinq jours suivant les périodes prévues à l'article 8. (2) L'impôt sur le produit importé est payé simultanément avec les droits de douane. (3) L'Administration fiscale détermine les

inyandiko zitegetswe ziherekeza imenyekanisha ry'umusoro. <u>UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBURENGANZIRA BY'USORA</u> <u>Icyiciro cya mbere: Inshingano z'usora</u> <u>Ingingo ya 10: Kuzuza ibitabo</u> (1) Ukora igicuruzwa gisoreshwa yuzuza buri muni ibitabo bikurikira: (a) igitabo kibarurirwamo ibicuruzwa byakozwe n'uruganda; (b) igitabo cy'ibyacurujwe; (c) igitabo cy'ibikoresho by'ibanze; (d) igitabo cy'imirimo irimo gukorwa. (2) Igitabo kibarurirwamo ibicuruzwa byakozwe n'uruganda cyandikwamo ingano n'inomero iranga ibyakozwe. Cyandikwamo kandi ibyangiritse, ibyatawe cyangwa ibyatwitswe	mandatory documents accompanying the declaration of the tax. <u>CHAPTER II: TAXPAYER'S OBLIGATIONS AND RIGHTS</u> <u>Section One: Taxpayer's obligations</u> <u>Article 10: Keeping registers</u> (1) The manufacturer of a taxable product keeps up to date the following registers: (a) a register of inventory of the products manufactured; (b) a sales register; (c) a register of raw materials; (d) a register of ongoing operations. (2) The register of inventory of the manufactured products indicates the quantity and batch number of production. It also indicates the products damaged, discarded or burnt	documents obligatoires accompagnant la déclaration de l'impôt. <u>CHAPITRE II : OBLIGATIONS ET DROITS DU CONTRIBUABLE</u> <u>Section première : Obligations du contribuable</u> <u>Article 10 : Tenue des registres</u> (1) Le fabricant d'un produit imposable tient à jour les registres suivants : (a) registre d'inventaire des produits fabriqués ; (b) registre des ventes ; (c) registre des matières premières ; (d) registre des opérations en cours. (2) Le registre d'inventaire des produits fabriqués indique la quantité et le numéro de lot de production. Il indique également les produits endommagés, mis au rebut ou brûlés après avoir été
---	--	---

bigenzuwe n'umukozi wemewe, umubare w'ibyo herejwe mu mahanga n'ibyashyizwe ku isoko kugira ngo bikoreshwe. (3) Igitabo kibarurirwamo ibyacurujwe kigaragaza igiciro n'ingano byahawe buri muguzi, amazina ye n'aho abarizwa. (4) Igitabo cy'ibikoresho by'ibanze cyandikwamo ibikoresho bizakoreshwa mu gukora igicuruzwa gisoreshwa. (5) Igitabo cy'imirimo irimo gukorwa cyandikwamo umunsi n'isaha by'itangira n'irangizwa ry'imirimo, amazina, ubwoko n'imiterere by'igikoresho gikoreshwa mu ruganda. Cyandikwamo kandi amakuru ajyanye n'imimerere ya buri gikoresho ya buri munsi. (6) Iyo imirimo itakozwe cyangwa yahagaritswe, ukora igicuruzwa gisoreshwa abimenyesha Ubuyobozi bw'Imisoro mu gihe kitarenze iminsi icumi ibarwa uhereye ku munsi imirimo yahagarariyeho.	after being inspected by the authorised officer, the quantity the products exported and those sold for consumption. (3) The sales register indicates the price and quantity offered to every customer, his or her name and address. (4) The materials to be used in the manufacture of a taxable product are recorded in the register of raw materials. (5) In the register of ongoing operations, a record is made of the date and time of the start and end of operations, the names, type and nature of the equipment used in the factory. It also includes a record of information on the daily status of every piece of equipment. (6) If operations are not carried out or are interrupted, the manufacturer of a taxable product notifies the Tax Administration thereof within ten days of the date of interruption of operations.	contrôlés par un agent autorisé, la quantité de produits exportés et ceux mis sur le marché pour consommation. (3) Le registre des ventes indique le prix et la quantité livrée à chaque client, son nom et son adresse. (4) Les matières à utiliser dans la fabrication d'un produit imposable sont enregistrées dans le registre des matières premières. (5) Dans le registre des opérations en cours, il est consigné le jour et l'heure de démarrage et de clôture des opérations, les noms, le type et la nature des équipements utilisés dans l'usine. Dans ce registre, il est également consigné les informations concernant l'état quotidien de chaque équipement. (6) Lorsque les opérations ne sont pas exécutées ou lorsqu'elles sont interrompues, le fabricant d'un produit imposable en informe l'Administration fiscale dans les dix jours suivant le jour de l'interruption des opérations.
--	---	---

(7) Ibitabo biteganywa muri iyi ngingo bishobora kuba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa mu buryo bw'impapuro. (8) Umukozi wemewe ashyira umukono mu bitabo biteganywa muri iyi ngingo kugira ngo yemeze ubugenzuzi yakoze. (9) Amabwiriza ya Komiseri Mukuru ashobora kugena ibindi byandikwa mu gitabo cy'ibyacurujwe.	(7) The registers provided for in this Article may be in either electronic or paper form. (8) The authorised agent signs in the registers provided for in this Article to confirm the inspection carried out by him or her. (9) Directives of the Commissioner General may determine other information to be included in the sales register.	(7) Les registres prévus au présent article peuvent être sous forme électronique ou imprimée. (8) L'agent autorisé signe dans les registres prévus au présent article pour confirmer le contrôle effectué par lui. (9) Les directives du Commissaire général peuvent déterminer d'autres informations à inclure dans le registre des ventes.
<u>Ingingo ya 11: Gushyira itembure y'umusoro ku gicuruzwa gisoreshwa</u> (1) Usora umusoro ku byaguzwe ufite ibicuruzwa byakorewe mu Gihugu cyangwa byatumijwe mu mahanga kugira ngo bicuruzwe ku isoko ry'u Rwanda abishyiraho itembure y'umusoro. (2) Amabwiriza ya Komiseri Mukuru akena urutonde rw'ibicuruzwa bishyirwaho itembure y'umusoro, imiterere yayo, uburyo igomba gutangwa, gushyirwa ku gicuruzwa n'uko yishyurwa.	<u>Article 11: Affixing a tax stamp on a taxable product</u> (1) The taxpayer of excise duty whose products are locally manufactured or imported to be sold on the Rwandan market affixes on them a tax stamp. (2) Directives of the Commissioner General determine the list of products subject to the affixing of a tax stamp, its design as well as procedures for its issuance, affixing and payment.	<u>Article 11 : Apposition d'une vignette fiscale sur un produit imposable</u> (1) Le contribuable du droit d'accise dont les produits sont fabriqués localement ou importés pour être vendus sur le marché du Rwanda appose une vignette fiscale sur ces produits. (2) Les directives du Commissaire général déterminent la liste des produits soumis à l'apposition d'une vignette fiscale, le modèle de celle-ci ainsi que les modalités de sa délivrance, de son apposition et de son paiement.

<u>Ingingo ya 12: Gushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro</u> (1) Ukora cyangwa utumiza mu mahanga igicuruzwa gisoreshwa asobanura imikoreshereze y'amatembure y'umusoro yahawe mu buryo bw'icyegeranyo. Icyegeranyo cya buri kwezi kigaragaza incamake y'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro mu buryo bukirikira: (a) amatembure y'umusoro yari yasigaye mu bubiko mu kwezi kubanziriza ugukorwamo igicuruzwa gisoreshwa; (b) amatembure y'umusoro yahawe n'Ubuyobozi bw'Imisoro; (c) amatembure y'umusoro yashyizwe ku gicuruzwa gisoreshwa cyakorewe mu Rwanda cyangwa cyatumijwe mu mahanga; (d) amatembure y'umusoro yononekaye mu gihe igicuruzwa gisoreshwa cyakorwaga nk'uko byemezwa n'umukozi wemewe;	<u>Article 12: Submission to the Tax Administration of a reconciliation statement on the usage of tax stamps</u> (1) A manufacturer or importer of a taxable product accounts for the usage of tax stamps issued to him or her in a reconciliation statement. The monthly reconciliation statement shows a summary of the usage of tax stamps under the following headings: (a) tax stamps in stock at the close of the month preceding the month in which a taxable product is manufactured; (b) tax stamps received from the Tax Administration; (c) tax stamps affixed on a taxable product manufactured in Rwanda or imported; (d) tax stamps damaged during the taxable product manufacturing process as certified by the authorised officer;	<u>Article 12 : Soumission à l'Administration fiscale d'un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales</u> (1) Le fabricant ou l'importateur d'un produit imposable justifie, dans un état de rapprochement, l'utilisation de vignettes fiscales reçues. L'état de rapprochement mensuel présente sous une forme résumée l'utilisation de vignettes fiscales selon les rubriques suivantes : (a) vignettes fiscales en stock à la clôture du mois précédant le mois de fabrication d'un produit imposable ; (b) vignettes fiscales reçues de l'Administration fiscale ; (c) vignettes fiscales apposées sur un produit imposable fabriqué au Rwanda ou importé ; (d) vignettes fiscales endommagées au cours du processus de fabrication d'un produit imposable certifiées comme telles par l'agent autorisé ;
---	---	---

(e) amatembure y'umusoro atarabonewe ibisobanuro mu cyegeranyo cy'ukwezi; (f) amatembure y'umusoro asigaye mu bubiko mu mpera z'ukwezi azakoreshwa mu kwezi gukurikiyeho. (2) Ukora cyangwa utumiza mu mahanga igicuruzwa gisoreshwa ashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro gishyikirizwa mu gihe kitarenze iminsi icumi ikurikira ukwezi ayo matembure y'umusoro yakoresherejwemo. <u>Ingingo ya 13:</u> Kuzuza ibitabo by'ibaruramari Usora yuzuzwa ibitabo by'ibaruramari hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe. <u>Icyiciro cya 2:</u> Uburenganzira bw'usora <u>Ingingo ya 14:</u> Kwibarira umusoro Usora afite uburenganzira bwo kwibarira umusoro hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko afitanye isano na ryo.	(e) tax stamps not accounted for in the monthly reconciliation statement; (f) tax stamps in stock at the end of the month carried forward for use in the following month. (2) A manufacturer or importer of a taxable product submits to the Tax Administration a reconciliation statement on the usage of tax stamps within ten days following the month in which the tax stamps were used. <u>Article 13:</u> Keeping books of accounts A taxpayer keeps the books of accounts in accordance with generally accepted accounting principles. <u>Section 2:</u> Taxpayer's rights <u>Article 14:</u> Self-assessment A taxpayer has the right to self-assessment in accordance with the provisions of this Law and related Laws.	(e) vignettes fiscales non justifiées dans l'état de rapprochement mensuel ; (f) vignettes fiscales en stock à la fin du mois reportées pour être utilisées le mois suivant. (2) Le fabricant ou l'importateur d'un produit imposable soumet à l'Administration fiscale un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales dans les dix jours suivant le mois au cours duquel ces vignettes fiscales ont été utilisées. <u>Article 13 :</u> Tenue des livres comptables Le contribuable tient les livres comptables conformément aux principes comptables généralement reconnus. <u>Section 2 :</u> Droits du contribuable <u>Article 14 :</u> Auto-évaluation Le contribuable a droit à l'auto-évaluation conformément aux dispositions de la présente loi et des lois connexes.
--	---	--

UMUTWE WA III: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO	CHAPTER III: FAULTS, OFFENCES, SANCTIONS AND PENALTIES	CHAPITRE III : FAUTES, INFRACTIONS, SANCTIONS ET PEINES
<u>Icyiciro cya mbere</u> : Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Section One:</u> Faults and administrative sanctions	<u>Section première</u> : Fautes et sanctions administratives
<u>Ingingo ya 15:</u> Kutuzuzwa igitabo cyandikwamo amatembure y'umusoro cyangwa kudashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro ku gihe	<u>Article 15:</u> Failure to keep tax stamps register or timely submit to Tax Administration reconciliation statement on the usage of tax stamps	<u>Article 15</u> : Défaut de tenir un registre de vignettes fiscales ou de soumettre à l'Administration fiscale un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales dans les délais
Umuntu ukorera mu Rwanda cyangwa utumiza mu mahanga igicuruzwa gisoreshwa—	A domestic manufacturer or importer of a taxable product who –	Le fabricant local ou l'importateur d'un produit imposable qui –
(a) utuzuzwa igitabo cyandikwamo amatembure y'umusoro, utabika amakuru cyangwa izindi nyandiko bifatanye isano n'ayo matembure;	(a) fails to keep a tax stamp register, records or any other related documents; or	(a) omet de tenir un registre de vignettes fiscales, de conserver des données ou d'autres documents connexes ; ou
(b) cyangwa udashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro mu gihe cyagenwe;	(b) fails to submit to the Tax Administration a reconciliation statement on the usage of tax stamps within the prescribed time limit;	(b) omet de soumettre à l'Administration fiscale un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales dans le délai prescrit ;
aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari munsi ya FRW 1.000.000 ariko itarenze FRW 2.000.000.	commits a fault. He or she is liable to an administrative fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 2,000,000.	commet une faute. Il est passible d'une amende administrative d'au moins 1.000.000 FRW mais n'excédant pas 2.000.000 FRW.

<u>Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano</u>	<u>Section 2: Offences and penalties</u>	<u>Section 2 : Infractions et peines</u>
<u>Ingingo ya 16: Ibihano ku byaha byerekeye imikoreshereze y'amatembure y'umusoro</u>	<u>Article 16: Penalties for offences related to the usage of tax stamps</u>	<u>Article 16 : Peines pour les infractions liées à l'utilisation de vignettes fiscales</u>
(1) Umuntu ku giti cye ukorera mu Rwanda cyangwa utumiza mu mahanga ibicuruzwa bisoreshwa – (a) udashyira amatembure y'umusoro ku gicuruzwa; (b) ushyira amatembure y'umusoro ku gicuruzwa gisoreshwa ku buryo bunyuranyije n'ibiteganywa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko; (c) wongera ikindi kintu ku matembure y'umusoro cyangwa uyonona; (d) ushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro kitari cyo cyangwa kituzuye; (e) ukoresha amatembure y'umusoro ku gicuruzwa atagenewe;	(1) An individual who is a domestic manufacturer or importer of taxable products who – (a) fails to affix tax stamps on a product; (b) affixes tax stamps on a taxable product in a manner contrary to the provisions of Article 11 of this Law; (c) makes an overprint or defaces tax stamps; (d) submits to the Tax Administration an incorrect or incomplete reconciliation statement on the usage of tax stamps; (e) uses tax stamps on a product for which they are not intended; or	(1) Un individu qui est un fabricant local ou un importateur de produits imposables qui – (a) n'appose pas de vignettes fiscales sur un produit ; (b) appose des vignettes fiscales sur un produit imposable d'une manière contraire aux dispositions de l'Article 11 de la présente loi ; (c) fait une surcharge sur des vignettes fiscales ou altère ces dernières ; (d) soumet à l'Administration fiscale un état de rapprochement sur l'utilisation de vignettes fiscales incorrect ou incomplet ; (e) utilise des vignettes fiscales sur un produit auquel elles ne sont pas destinées ; ou

(f) cyangwa ucuruza igicuruzwa gisoreshwa kidafite amatembure y'umusoro; aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi 6 ariko kitarenze umwaka 1 n'ihazabu itari muni ya FRW 1.000.000 ariko itarenze FRW 2.000.000 cyangwa kimwe muri ibyo bihano. (2) Iyo icyaha kivugwa muri iyi ngingo gikozwe n'utari umuntu ku giti cye, ahanishwa ihazabu itari muni ya FRW 5.000.000 ariko itarenze FRW 10.000.000. (3) Iyo icyaha cyongeye gukorwa mu gihe kitarenze imyaka ibiri ihazabu yikuba inshuro ebyiri. <u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 17: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	(f) sells a taxable product without tax stamps; commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 6 months but not more than 1 year and to a fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 2,000,000 or one of these penalties. (2) When the perpetrator of the offence referred to in this Article is a person other than an individual, such a person is liable to a fine of not less than FRW 5,000,000 but not more than FRW 10,000,000. (3) In case of recidivism within a period not exceeding two years, the fine is doubled. <u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 17: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	(f) vend un produit imposable sans vignettes fiscales ; commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 6 mois mais n'excédant pas 1 an et d'une amende d'au moins 1.000.000 FRW mais n'excédant pas 2.000.000 FRW ou de l'une de ces peines. (2) Lorsque l'auteur de l'infraction visée au présent article est une personne autre qu'un individu, cette personne est passible d'une amende d'au moins 5.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW. (3) En cas de récidive dans un délai ne dépassant pas deux ans, l'amende est portée au double. <u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 17 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
--	---	--

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

<u>Ingingo ya 18: Ingingo ivanaho</u> Itegeko n° 050/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku byaguzwe rivanyweho.	<u>Article 18: Repealing provision</u> Law n° 050/2023 of 05/09/2023 establishing the excise duty is repealed.	<u>Article 18 : Disposition abrogatoire</u> La Loi n° 050/2023 du 05/09/2023 établissant le droit d'accise est abrogée.
<u>Ingingo ya 19: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 19: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 19 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 014/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RIHINDURA ITEGEKO N° 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHU IMISORO KU MUSARURO <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Igipimo cy’umusoro ku gaciro kiyongereye <u>Ingingo ya 2:</u> Ifatira n’imenyekanisha ry’umusoro ku gaciro kiyongereye <u>Ingingo ya 3:</u> Abasonewe umusoro ku nyungu z’amasosiyete <u>Ingingo ya 4:</u> Isoresha ry’umusaruro w’amasosiyete akora ibikorwa by’imikino y’amahirwe <u>Ingingo ya 5:</u> Isoresha rya serivisi z’ikoranabuhanga <u>Ingingo ya 6:</u> Umusoro ufatirwa ku gihembo cyatsindiwe mu bikorwa by’imikino y’amahirwe <u>Ingingo ya 7:</u> Ingingo y’ururimi <u>Ingingo ya 8:</u> Gutangira gukurikizwa	LAW N° 014/2025 OF 27/05/2025 AMENDING LAW N° 027/2022 OF 20/10/2022 ESTABLISHING TAXES ON INCOME <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Capital gain tax rate <u>Article 2:</u> Withholding and declaration of capital gain tax <u>Article 3:</u> Persons exempted from corporate income tax <u>Article 4:</u> Taxation of income for a company engaged in gaming activities <u>Article 5:</u> Taxation of digital services <u>Article 6:</u> Withholding tax on winnings from gaming activities <u>Article 7:</u> Language provision <u>Article 8:</u> Entry into force	LOI N° 014/2025 DU 27/05/2025 MODIFIANT LA LOI N° 027/2022 DU 20/10/2022 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier :</u> Taux d’impôt sur la plus-value <u>Article 2 :</u> Retenue à la source et déclaration de l’impôt sur la plus-value <u>Article 3 :</u> Personnes exonérées de l’impôt sur les bénéfices des sociétés <u>Article 4 :</u> Imposition des revenus d’une société exerçant des activités de jeux de hasard <u>Article 5 :</u> Imposition des services numériques <u>Article 6 :</u> Retenue à la source sur les gains des activités de jeux de hasard <u>Article 7 :</u> Disposition linguistique <u>Article 8 :</u> Entrée en vigueur
---	---	--

ITEGEKO N° 014/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RIHINDURA ITEGEKO N° 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHU IMISORO KU MUSARURO Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Mata 2025; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n’iya 165; Isubiye ku Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro mu ngingo zaryo, iya 36, iya 37, iya 45, iya 50 n’iya 61; YEMEJE:	LAW N° 014/2025 OF 27/05/2025 AMENDING LAW N° 027/2022 OF 20/10/2022 ESTABLISHING TAXES ON INCOME We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 29 April 2025; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165; Having reviewed Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income as amended, in Articles 36, 37, 45, 50 and 61; ADOPTS:	LOI N° 014/2025 DU 27/05/2025 MODIFIANT LA LOI N° 027/2022 DU 20/10/2022 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 29 avril 2025 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ; Revu la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu telle que modifiée, en ses articles 36, 37, 45, 50 et 61 ; ADOpte :
--	--	--

<u>Ingingo ya mbere: Igipimo cy’umusoro ku gaciro kiyongereye</u> Ingingo ya 36 y’Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: « Igipimo cy’umusoro ku gaciro kiyongereye ni 10% by’agaciro kiyongereye. » <u>Ingingo ya 2: Ifatira n’imenyekanisha ry’umusoro ku gaciro kiyongereye</u> Ingingo ya 37 y’Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: <u>«Ingingo ya 37: Ifatira n’imenyekanisha by’umusoro ku gaciro kiyongereye</u> (1) Umusoro ku gaciro kiyongereye ukomoka ku igurishwa cyangwa ku itangwa ry’imigabane, iry’impushya, iry’inyandiko z’umwenda, iry’amasezerano yo kugura cyangwa kugurisha umutungo, iry’ingwate, n’iry’imitungo isa na byo, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ufatirwa n’isosiyete y’ubucuruzi ikorera imbere mu Gihugu yahinduye imiterere mu migabane cyangwa abanyamigabane bayo barahindutse	<u>Article One: Capital gain tax rate</u> Article 36 of Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: “The capital gain tax rate is 10% of the capital gain.” <u>Article 2: Withholding and declaration of capital gain tax</u> Article 37 of Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: <u>“ Article 37: Withholding and declaration of capital gain tax</u> (1) The capital gain tax on the direct or indirect sale or transfer of shares, licenses, debt instruments, options, guarantees and similar assets is withheld by the resident company whose shareholding structure has been altered or whose shareholders have changed due to the sale or transfer or by the seller or buyer, in the case of the sale or transfer of licenses, debt instruments, options, guarantees or similar assets.	<u>Article premier : Taux d’impôt sur la plus-value</u> L’article 36 de la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : « Le taux d’impôt sur la plus-value est de 10% de la plus-value ». <u>Article 2 : Retenue à la source et déclaration de l’impôt sur la plus-value</u> L’article 37 de la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : <u>« Article 37 : Retenue à la source et déclaration de l’impôt sur la plus-value</u> (1) L’impôt sur la plus-value provenant de la vente ou de la cession directe ou indirecte d’actions, de licences, de titres de créance, d’options, de garanties et d’actifs similaires, est retenu par la société commerciale résidente dont la structure d’actionariat a été modifiée ou dont les actionnaires ont été changés en raison de ladite vente ou cession ou par le vendeur ou l’acheteur en cas de vente ou de transfert de licences, de titres de
---	--	--

bitewe no kugurisha cyangwa gutanga, cyangwa bikoze n'ugurisha cyangwa n'ugura mu gihe habaye igurishwa cyangwa itangwa ry'impushya, iry'inyandiko z'umwenda, iry'amasezerano yo kugura cyangwa kugurisha umutungo, iry'ingwate cyangwa iry'imitungo isa na byo. (2) Isosiyete y'ubucuruzi, umunyamigabane cyangwa umuguzi bivugwa mu gika cya (1) bimenyekanisha bikanishyura umusoro ku gaciro kiyongereye mu Buyobozi bw'Imisoro mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira ukwezi igurishwa cyangwa itangwa byabereyemo. » <u>Ingingo ya 3: Abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete</u> Ingingo ya 45 y'Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: « (1) Abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete ni aba bakurikira:	(2) The company, shareholder or buyer referred to in Paragraph (1) declare and pay the capital gain tax to the Tax Administration within 15 days after the month in which the sale or transfer occurred.” <u>Article 3: Persons exempted from corporate income tax</u> Article 45 of Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: “ (1) The following persons are exempted from corporate income tax:	créance, d'options, de garanties ou d'actifs similaires. (2) La société commerciale, l'actionnaire ou l'acheteur visés au paragraphe (1) déclarent et paient l'impôt sur la plus-value à l'Administration fiscale dans les 15 jours suivant le mois au cours duquel la vente ou la cession a eu lieu». <u>Article 3 : Personnes exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés</u> L'article 45 de la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : « (1) Les personnes suivantes sont exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés :
--	--	--

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

(a) Leta y'u Rwanda; (b) Umujyi wa Kigali; (c) Akarere gafite ubuzimagatozi; (d) Banki Nkuru y'u Rwanda; (e) umuryango ukora gusa ibikorwa byerekeye imyemerere, ubutabazi, ubugiraneza, ubumenyi cyangwa uburezi, uretse iyo bigaragaye ko amafaranga winjije aruta ayo wakoresheje cyangwa iyo ukora ubucuru; (f) umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango w'ubufatanye mu bya tekini, iyo uko gusonerwa guteganywa n'amasezerano mpuzamahanga cyangwa amasezerano uwo muryango wagiranye na Leta y'u Rwanda; (g) ikigega cya pansiyi cyemewe; (h) urwego rwa Leta rufite ubwiteganyirize mu nshingano;	(a) the Government of Rwanda; (b) the City of Kigali; (c) a district with legal personality; (d) the National Bank of Rwanda; (e) an organisation exclusively engaged in faith-oriented, humanitarian, charitable, scientific or educational activities unless it turns out that revenues earned by such an organisation exceed corresponding expenses or if it carries on a business activity; (f) an international organisation or agency of technical cooperation if such exemption is provided for by international agreements or an agreement concluded between such an organisation or agency and the Government of Rwanda; (g) a qualified pension fund; (h) the public entity in charge of social security;	(a) Gouvernement du Rwanda ; (b) Ville de Kigali ; (c) district doté de la personnalité juridique ; (d) Banque Nationale du Rwanda ; (e) organisation engagée uniquement dans des activités à caractère religieux, humanitaire, caritatif, scientifique ou éducatif sauf lorsqu'il est avéré que les recettes réalisées par elle sont supérieures aux dépenses y afférentes ou lorsqu'elle exerce une activité commerciale ; (f) organisation internationale ou agence de coopération technique lorsque cette exonération est prévue par des accords internationaux ou par un accord conclu entre cette organisation ou agence et le Gouvernement du Rwanda ; (g) fonds de pension qualifié ; (h) entité publique ayant la sécurité sociale dans ses attributions ;
---	---	---

Official Gazette n° Special of 29/05/2025

(i) Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda; (j) Ikigega cy'Ubwizerane « Agaciro Development Fund »; (k) Ikigega kigamije guteza imbere imishinga mito n'iciriritse igamije ubucuruzi «BDF Ltd»; (l) urwego rukoresha ku mpamvu zihariye, uretse iyo bigaragaye ko amafaranga rwinjije aruta ayo rwakoresheje; (m) fondasiyo y'inyungu zisangiwe; (n) ucunga iby'abandi w'umwuga utuye mu Rwanda ku musaruro winjijwe n'ubwizerane mvamahanga; (o) isosiyete ikora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe. (2) Usonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete ashakiriza Ubuyobozi bw'Imisoro ibitabo by'ibaruramari by bitarenze itariki ya 31 Werurwe ikurikira igihe cy'umusoro cyangwa amezi atatu akurikira igihe cy'umusoro cyihariye gihabwa usora	(i) the Development Bank of Rwanda; (j) Agaciro Development Fund Corporate Trust Ltd; (k) the Business Development Fund Limited (BDF Ltd); (l) a special purpose vehicle unless it turns out that revenues earned by such a vehicle exceed corresponding expenses; (m) a common-benefit foundation; (n) a resident trustee for income earned by a foreign trust; (o) a company engaged in gaming activities. (2) The person exempted from corporate income tax submits to the Tax Administration his or her financial statements no later than 31 March following the tax period, or three months following specific tax period granted to the taxpayer having made a	(i) Banque rwandaise de Développement ; (j) Agaciro <i>Developpement Fund Corporate Trust Ltd</i> ; (k) <i>Business Development Fund Limited (BDF Ltd)</i> ; (l) entité à vocation spéciale sauf lorsqu'il est avéré que les recettes réalisées par elle sont supérieures aux dépenses y afférentes ; (m) fondation d'utilité commune ; (n) fiduciaire résidant pour le revenu gagné par une fiducie étrangère ; (o) société exerçant les activités de jeux de hasard. (2) La personne exonérée de l'impôt sur les bénéfices des sociétés soumet à l'Administration fiscale ses états financiers au plus tard le 31 mars qui suit la période imposable ou trois mois suivant la période imposable spécifiquement accordée au
---	---	--

wabisabye hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 8. » <u>Ingingo ya 4:</u> Isoresha ry'umusaruro w'amasosiyete akora ibikorwa by'imikino y'amahirwe Ingingo ya 50 y'Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: «Ingingo ya 50: Isoresha ry'umusaruro w'isosiyete y'ubucuruzi ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe (1) Isosiyete y'ubucuruzi ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe hakuwemo tombola mu rwego rw'Igihugu yishyura umusoro wa 40% ubarirwa ku kinyuranyo hagati y'amafaranga yakiriwe n'usora n'ibihembo byatsindiwe. (2) Usora amenyekanisha umusoro ku bikorwa by'imikino y'amahirwe biteganywa mu gika cya (1) hakurikijwe uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro kandi akishyura umusoro mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira impera za buri kwezi. »	request to that effect in accordance with the provisions of Article 8. ” <u>Article 4:</u> Taxation of income for a company engaged in gaming activities Article 50 of Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: “Article 50: Taxation of income for a company engaged in gambling activities (1) A company engaged in gaming activities, excluding the national lottery, is subject to a tax of 40% calculated based on the difference between the total amount wagered and the winnings awarded. (2) A taxpayer declares the tax on gaming activities which are provided for in Paragraph (1) in accordance with the form and procedure prescribed by the Tax Administration, and pays the tax due within 15 days following the end of each month.”	contribuable en ayant fait la demande conformément aux dispositions de l'article 8 ». <u>Article 4 :</u> Imposition des revenus d'une société exerçant des activités de jeux de hasard L'article 50 de la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : « Article 50 : Imposition d'une société exerçant des activités de jeux de hasard (1) Une société commerciale exerçant des activités de jeu de hasard, la loterie nationale exclue, est assujettie à une taxe de 40% calculée en fonction de la différence entre le montant total des mises reçues et les gains attribués. (2) Le contribuable déclare l'impôt sur les activités de jeux de hasard prévues au paragraphe (1) conformément à la forme et à la procédure prescrites par l'Administration fiscale et paie l'impôt dû dans les 15 jours suivant la fin de chaque mois ».
--	---	---

<u>Ingingo ya 5: Isoresha rya serivisi z'ikoranabuhanga</u> Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ryongewemo ingingo ya 50 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira: « Ingingo ya 50 <i>bis</i>: Isoresha rya serivisi z'ikoranabuhanga (1) Isosiyete y'ubucuruzi itanga serivisi z'ikoranabuhanga mu Rwanda bigaragara mu buryo bufatika mu Gihugu yishyura umusoro wa 1,5% by'amafaranga yose yinjiza mu gihe cy'umusoro ava mu Rwanda. (2) Iteka rya Minisitiri rigena serivisi z'ikoranabuhanga zisorehwa, icyo kugaragara mu buryo bufatika mu Gihugu bivuga, uburyo bwo kwiandikisha, ubwo kumenyekanisha umusoro, ubwo kuwishyura n'ibindi byashingirwaho mu gusoresha serivisi z'ikoranabuhanga. »	<u>Article 5: Taxation of digital services</u> An Article 50 <i>bis</i> is inserted in Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income which is worded as follows: “Article 50 <i>bis</i>: Taxation of digital services (1) A company supplying digital services in Rwanda with a substantial national presence is subject to a tax of 1.5% of its gross revenues sourced from Rwanda during the tax period. (2) An Order of the Minister determines the scope of taxable digital services, the definition of substantial national presence, the modalities for registration, tax declaration and payment, and other possible criteria for the taxation of digital services.”	<u>Article 5 : Imposition des services numériques</u> Dans la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu, il est inséré un article 50 <i>bis</i> libellé comme suit : « Article 50 <i>bis</i>: Imposition des services numériques (1) Une société commerciale fournissant des services numériques au Rwanda avec une présence nationale substantielle est assujettie à un impôt de 1,5% de ses revenus bruts provenant du Rwanda pendant la période imposable. (2) Un arrêté du Ministre détermine le champ des services numériques imposables, la définition de la présence nationale substantielle, les modalités d'enregistrement, de déclaration et de paiement de l'impôt ainsi que d'autres critères éventuels d'imposition des services numériques ».
---	---	---

<u>Ingingo ya 6: Umusoro ufatirwa ku gihembo cyatsindiwe mu bikorwa by'imikino y'amahirwe</u> Ingingo ya 61 y'Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: «Isosiyete y'ubucuruzi ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe ifatira umusoro wa 25% ku kinyuranyo hagati y'igihembo umukinnyi yatsindiye n'amafaranga yashoye.» <u>Ingingo ya 7: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Icyakora, ibipimo by'umusoro ku masosiyete y'ubucuruzi akora ibikorwa by'imikino y'amahirwe avugwa mu ingingo ya 4 n'ya 6 bitangira gukurikizwa nyuma y'amezi atatu abarwa uherye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 6: Withholding tax on winnings from gaming activities</u> Article 61 of Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: “A company engaged in gaming activities withholds 25% tax on the difference between the player's winnings and the amount wagered by the player.” <u>Article 7: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 8: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. However, corporate income tax rates for the companies referred to in Articles 4 and 6 which are engaged in gaming activities start to apply after the expiry of a three-month period from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 6 : Retenue à la source sur les gains des activités de jeux de hasard</u> L'article 61 de la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : « Une société commerciale exerçant des activités de jeux de hasard retient à la source l'impôt de 25% sur la différence entre les gains du joueur et le montant misé par ce dernier ». <u>Article 7 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 8 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toutefois, les taux d'impôt sur les revenus des sociétés visées aux articles 4 et 6 qui exercent des activités de jeux de hasard commencent à s'appliquer après l'expiration d'un délai de trois mois à compter du jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	---	---

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 015/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHU UMUSORO W'UBUKERARUGENDO KU ICUMBI <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Igipimo n'ishingiro by'umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi <u>Ingingo ya 4:</u> Inshingano z'ikigo gitanga icumbi ku bijyanye n'umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi <u>Ingingo ya 5:</u> Igihe umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi utangira kubarwa <u>Ingingo ya 6:</u> Kumenyekanisha no kwishyura umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi <u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo budateganyijwe <u>Ingingo ya 8:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 9:</u> Gutangira gukurikizwa	LAW N° 015/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING A TOURISM TAX ON ACCOMMODATION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Rate and base of tourism tax on accommodation <u>Article 4:</u> Obligations of accommodation facility with respect to tourism tax on accommodation <u>Article 5:</u> Tax point for tourism tax on accommodation <u>Article 6:</u> Declaration and payment of tourism tax on accommodation <u>Article 7:</u> Unprovided-for procedures <u>Article 8:</u> Language provision <u>Article 9:</u> Entry into force	LOI N° 015/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UN IMPÔT TOURISTIQUE SUR L'HÉBERGEMENT <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Taux et base de l'impôt touristique sur l'hébergement <u>Article 4 :</u> Obligations d'un établissement d'hébergement en matière d'impôt touristique sur l'hébergement <u>Article 5 :</u> Moment d'imposition de l'impôt touristique sur l'hébergement <u>Article 6 :</u> Déclaration et paiement de l'impôt touristique sur l'hébergement <u>Article 7 :</u> Procédures non prévues <u>Article 8 :</u> Disposition linguistique <u>Article 9 :</u> Entrée en vigueur
--	---	--

ITEGEKO N° 015/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHU UMUSORO W'UBUKERARUGENDO KU ICUMBI Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Mata 2025; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n'iya 165; YEMEJE: <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rishyiraho umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi.	LAW N° 015/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING A TOURISM TAX ON ACCOMMODATION We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 28 April 2025; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165; ADOPTS: <u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law establishes a tourism tax on accommodation.	LOI N° 015/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UN IMPÔT TOURISTIQUE SUR L'HÉBERGEMENT Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 28 avril 2025 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ; ADOpte : <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi instaure un impôt touristique sur l'hébergement.
--	---	---

<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri tegeko, « icumbi » bivuga serivisi yo gutanga icyumba, ahantu ho kuryama cyangwa ho kuruhukira. <u>Ingingo ya 3: Igipimo n’ishingiro by’umusoro w’ubukerarugendo ku icumbi</u> Igipimo cy’umusoro w’ubukerarugendo ku icumbi ni 3% by’amafaranga yishyuwe cyangwa azishyurwa ku icumbi hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro. <u>Ingingo ya 4: Inshingano z’ikigo gitanga icumbi ku bijyanye n’umusoro w’ubukerarugendo ku icumbi</u> Inshingano z’ikigo gitanga icumbi ku bijyanye n’umusoro w’ubukerarugendo ku icumbi ni izi zikurikira: (a) kwiandikisha ku musoro w’ubukerarugendo ku icumbi mu Buyobozi bw’Imisoro hakurikijwe uburyo bugenwa n’ubwo buyobozi; (b) kwishyura umusoro w’ubukerarugendo ku icumbi;	<u>Article 2: Interpretation</u> In this Law, “accommodation” means a service which consists of providing a room or place to sleep or rest. <u>Article 3: Rate and base of tourism tax on accommodation</u> The rate of the tourism tax on accommodation is set at 3% of the amount paid or payable for accommodation, exclusive of value added tax. <u>Article 4: Obligations of accommodation facility with respect to tourism tax on accommodation</u> The obligations of an accommodation facility with respect to the tourism tax on accommodation are the following: (a) to register for the tourism tax on accommodation with the Tax Administration in accordance with the procedures determined by the Tax Administration; (b) to charge the tourism tax on accommodation;	<u>Article 2 : Interprétation</u> Dans la présente loi, « hébergement » signifie un service consistant en la mise à disposition d’une chambre ou d’un lieu où dormir ou se reposer. <u>Article 3 : Taux et base de l’impôt touristique sur l’hébergement</u> Le taux de l’impôt touristique sur l’hébergement est fixé à 3% du montant payé ou à payer pour l’hébergement, hors taxe sur la valeur ajoutée. <u>Article 4 : Obligations d’un établissement d’hébergement en matière d’impôt touristique sur l’hébergement</u> Les obligations d’un établissement d’hébergement en matière d’impôt touristique sur l’hébergement sont les suivantes : (a) se faire enregistrer à l’impôt touristique sur l’hébergement auprès de l’Administration fiscale conformément aux procédures déterminées par cette dernière ; (b) percevoir l’impôt touristique sur l’hébergement ;
---	---	--

(c) gushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi mu gihe giteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 5:</u> Igihe umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi utangira kubarwa Umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi utangira kubarwa ku munsu ubwishyu bw'icumbi bwakiriweho. <u>Ingingo ya 6:</u> Kumenyekanisha no kwishyura umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi (1) Ikigo gitanga icumbi kimenyekanisha umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi nyuma y'ukwezi gusanze. (2) Ikigo gitanga icumbi cyishyura umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi cyamenyekanishije mu minsi 15 ikurikira buri kwezi kwakorewe imenyekanisha. (3) Ikigo gitanga icumbi kimenyekanisha kikanishyura umusoro w'ubukerarugendo ku	(c) to remit the tourism tax on accommodation to the Tax Administration within the time period provided for by this Law. <u>Article 5:</u> Tax point for tourism tax on accommodation The tax point for the tourism tax on accommodation is the date of receipt of payment for accommodation. <u>Article 6:</u> Declaration and payment of tourism tax on accommodation (1) An accommodation facility declares the tourism tax on accommodation after the end of the calendar month. (2) An accommodation facility pays the declared tourism tax on accommodation within 15 days following each month of declaration. (3) An accommodation facility declares and pays the tourism tax on accommodation in accordance with the	(c) verser l'impôt touristique sur l'hébergement à l'Administration fiscale dans le délai prévu par la présente loi. <u>Article 5 :</u> Moment d'imposition de l'impôt touristique sur l'hébergement Le moment d'imposition de l'impôt touristique sur l'hébergement correspond à la date de réception du paiement de l'hébergement. <u>Article 6 :</u> Déclaration et paiement de l'impôt touristique sur l'hébergement (1) Un établissement d'hébergement déclare l'impôt touristique sur l'hébergement après la fin du mois calendrier. (2) Un établissement d'hébergement paie l'impôt touristique sur l'hébergement déclaré dans les 15 jours suivant chaque mois de déclaration. (3) Un établissement d'hébergement déclare et paie l'impôt touristique sur l'hébergement conformément aux
--	--	---

icumbi hakurikijwe uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro. <u>Ingingo ya 7: Uburyo budateganyijwe</u> Itegeko rigena imitunganyirize y'isoresha ni ryo rikurikizwa ku bijyanye n'uburyo bw'isoresha ry'umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi butateganyijwe n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 8: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 9: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa guhera ku wa 01 Nyakanga 2025.	procedures determined by the Tax Administration. <u>Article 7: Unprovided-for procedures</u> Only the Law on tax procedures applies in the case of tax procedures relating to the tourism tax on accommodation that are not provided for by this Law. <u>Article 8: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 9: Entry into force</u> This Law comes into force as from 01 July 2025.	procédures déterminées par l'Administration fiscale. <u>Article 7 : Procédures non prévues</u> Seule la loi portant procédures fiscales s'applique en cas de procédures fiscales afférentes à l'impôt touristique sur l'hébergement qui ne sont pas prévues par la présente loi. <u>Article 8 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 9 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur à compter du 01 juillet 2025.
---	--	---

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux